WELCOME PLAN
KENT COUNTY

Gahunda

Gahunda y'Ikaze y'Intara ya Kent: Gahunda y'umuryango mugari igamije kugaragaza iby'ingenzi kurusha ibindi n'inzitizi ku Banyamerika bashya mu ntara ya Kent hagamijwe gutuma intara ya Kent iba ahantu hadaheza kandi buri wese yisangamo. Ibitekerezo byakusanyijwe mu Banyamerika bashya mu muryango mugari wacu, hakoreshejwe ubushakashatsi ku barenga 800, n'ibiganiro byo mu matsinda 25. Aya makuru yamenyesheje Gahunda y'Ikaze y'Intara ya Kent yashyizweho n'itsinda rigizwe n'ibigo birenga 40 byo mu ntara ya Kent ashyirwa ahagaragara muri Nzeri 2020.

Ibitekerezo byakusanyijwe mu muryango mugari w'Abanyamerika bashya byagaragaje iby'ingenzi kurusha ibindi bitanu bikurikira:

1. Ubwisanzure mu kazi kajyanye n'umwuga wanjye
2. Ubwisanzure mu gukomeza umuco wanjye, idini n'imyemerere gakondo
3. Kumenya Icyongereza ku rwego rushimishije
4. Kugira uruhare mu burezi, umutekano n'ahazaza by'abana banjye
5. Kuba Abanyamerika basobanukirwa umuco wanjye, idini n'ibindi byihariye

Gahunda y'Intara ya Kent (KCWP) iteguye mu byiciro bitanu:

1. Imiryango migari yitabiriye
2. Gushyira imbaraga mu bukungu bw'Abanyamerika bashya
3. Kuzamura urwego rw'inyungu zo mu rwego rw'uburezi z'Abanyamerika bashya.
4. Gushyira uburyo buboneye bwo kubona serivisi
5. Kwizera neza ko abaturage b'Intara ya Kent bose batekanye kandi bumva bafite umutekano

Kugira uruhare

Komisiyo iyoboye Gahunda y'Ikaze y'Intara ya Kent, hamwe n'itsindi ry'ibigo birenga 40, yashyizeho intego n'ibipimo kuri buri cyiciro kugira ngo hatangizwe icyiciro cy'ishyirwa mu bikorwa rya ahunda y'Ikaze y'Intara ya Kent (KCWP). Kuba ahantu hatanga ikaze bisaba imbaraga nke kandi bigomba gukorwa binyuze mu bikorwa byagutse by'umuryango mugari mu kugaragaza ko duha ikaze Abanyamerika bashya kandi turimo gukora kugira ngo duhange umuryango mugari udaheza, aho buri wese yisanga, kandi aho abantu ku giti cyabo n'imiryango yabo bishimira. Icyo dukurikizaho ni ugushyiraho Gahunda y'Ikaze y'Intara ya Kent Ikomatanyije, itsinda rihuriweho n'imiryango itandukanye kugira ngo ibe igizwe n'abantu bo mu miryango migari itandukanye duha serivisi. Abagize Gahunda y'Ikaze y'Intara ya Kent Ikomatanyije bazahitamo itsinda ry'iby'ingenzi kurusha ibindi aho ibitekerezo n'ubumenyi byabo bizagira uruhare runini. Kugira ngo umuntu abe umwe mu bagize Gahunda y'Ikaze y'Intara ya Kent Ikomatanyije, abagize umuryango mugari basabwa kuzuzu ubushakashatsi bugufi bukurikira:

Imvano

Intara ya Kent ituwe n'abaturage baturuka mu bihugu bigera ku 112 bavuga indimi zitandukanye zigera kuri 40. Gahunda y'Ikaze y'Intara ya Kent yashyizweho mu rwgeo rwo guha ikaze Abanyamerika bashya no kwizera neza ko hari umwuka wo kwisanga kugira ngo dukurire hamwe kandi twishimane. Mu mwaka wa 2018 n'uwa 2019, umuryango mugari wacu wahawe ibihembo by'inkunga ya Gateways for Growth (G4G). Gateways for Growth (G4G) ni gahunda y'igihugu ifasha imiryango migari mu gutegura raporo zijyanye n'imari mu Banyamerika bashya n'ubufasha mu gutegura ingamba mu gushyiraho gahunda zo mu nzego zitandukanye kugira ngo Abanyemerika bashya barusheho kwisanga. Ni ubufatanye bw'ibigo bibiri, Welcoming America na American Immigration Council (byahoze byitwa New American Economy). Grand Rapids ni hamwe mu hantu 71 muri leta 35 hahawe inkunga ya G4G. Nk'abakiriye ibihembo, umuryango mugari wacu wahawe inkunga igamije gukora raporo y'ubushakashatsi mu muryango mugari w'abimukira iwacu, maze ubufasha bwakirwa mu rwego rwo gutegura Gahunda y'Ikaze mu muryango mugari.

Amakuru

Dore amwe mu makuru yakusanyijwe:

- Abimukira bagize uruhare rungana na 24,1% mu iterambere ry'abaturage mu ntara ya Kent hagati ya 2011 na 2016.
- Abimukira bagize uruhare rwa miliyari 3,3 mu musaruro mbumbe w'Intara ya Kent. Imiryango y'abimukira yinjije miliyari 1,3 ikoresha hafi miliyoni 950 mu ikoreshwa ry'ingufu (2016)
- Mu Ntara ya Kent, 27% k'abimukira bafite kuva ku myaka 25 ndetse abarenga 21,8% b'impunzi bafite kuva ku myaka 25 bafite icyiciro cya mbere cya kaminuza no hejuru yacyo (2016)
- Hari abashoramari b'abimukira 2 031 mu ntara ya Kent (2019)
- Hari abimukira 55 595 bafata intara ya Kent nko mu rugo bagize 8,6% by'abaturage bacu (2019)

Amahuza ya kwifashishwa:

Reba gahunda yose ya gahunda mu Cyongereza n'Icyesipanyoro hano:

www.kentcountynewamericans.org

Kurikirana amakuru agezweho ku mbuga nkoranyambaga:

www.facebook.com/KentCountyWelcomePlan

Umuhuzabikorwa wa Gahunda y'Ikaze:

Hollin De La Cruz: hollin.delacruz@kentcountymi.gov